KUZAMURA ABANTU

Biba byiza guha akazi umuntu udafite ubumenyi buhagije Aho kugaha umuntu ufite umudali w' ubumenyi.

IHAME RY' ICYUMWERU

Guteza imbere bivuga kuzamuka buhoro buhoro, kwaguka cyangwa kuba byiza kurushaho. Bishobora kugera ku kintu cyose haba abantu, ibicuruzwa cg imyumvire. Ubuzima n' urugendo kandi twese dufite uruhare rwo kurugenda mu mbaraga, mu bwenge ndetse na roho yacu. Ntabwo tuvuka dukuze, ahubwo tuvuka dufite ubushobozi bwo gukura. None se ni kuki ari byiza gutanga akazi ku muntu ufite ubumenyi aho kugaha umuntu ufite ubumenyi ariko afite umutwe munini? Umuntu ufite ubumenyi yibwira ko azi buri kimwe bityo akabona byamukomerera gukurikiza amategeko yaho agiye. Ubumenyi bwe bushobora kuba ari bwiza pe, ! ariko mu gihe afite ubwibone, ashobora kubyara ikibazo. Imyumvire rero ifite akamaro kanini kurusha ubumenyi kuko dukeneye kwicisha bugufi kugira ngo twige.

Hari ibintu bibiri by' ingenzi ku buzima runaka; aho twavukiye ndetse tukanaharerwa, hamwe n' aho twihitiramo kuba ubwacu. Aho twavukiye ntabwo tuhahitamo. Intoki zatugaburiye, uko zadufataga, ndetse n' ibintu batwigishije bigira uruhare runini y' uburyo dufata ubuzima. Tumeze nk' imbaho zabazwamo ikintu cyose gishoboka. Imyaka umunani yacu ya mbere igaragaza ahazaza hacu kubera uburere duhabwa. Nta kabuza ko dushobora kwifatira ibyemezo iyo dukuze, ariko rero aho twaciye habigiramo uruhare.

Ahantu ha kabiri, ni aho twihitiramo ubwacu dore ko ari aho kwitonderwa kuko twirengera ingaruka z' amahitamo yacu. Niba icumbi ryacu rya mbere ryari ryiza, rizakomeza kudufasha kuzamuka. Kandi niba ryari icumbi rirangwa ni bibi cg ahantu hagoramye, tuba dufite amahirwe yo guhitamo cg kurema irindi cumbi tubona ko ryatugirira akamaro nk' umuntu. Ni ingenzi rero kumenya neza icumbi twaba turimo kurema, maze turihindure niba biri ngombwa. Ahantu hashya haduha amahirwe yo kubona urugero ndetse n' akanya ko kuzamura ubushobozi bwacu. Aho tubarizwa rero haba hafite imbaraga.

Ubwenge cyangwa se ubugingo bw' umuntu ni nk' urubuto. Muri buri rubuto habamo ubuzima. Mu gihe urwo rubuto rero ruri mu bukonje, ahantu humye cyane icyo gihe ntabwo ruteze kuraba cg ngo rukure; ahubwo ruzahera aho gusa.Nidufata rwa rubuto ni uko tugarushyira ahantu hafite ubushyuhe buringaniye, ruzahita rukura ndetse runazamuke. Kandi ruzakura rugere kure hashoboka mu gihe ikirere gikomeje kuba cyiza. Ntaho dutandukaniye rero n' ibimera. Iyo aho dutuye hatuguye neza, turakura ndetse tugaca akenge maze tugatanga umusaruro dukurikije ubushobozi bwacu. Iri hame kandi rishobokera umuryango wacu, umurimo wacu cg ibigo byacu.

INYUNGU

1. Mu guteza imbere abantu turema ahantu hashobora kugwa neza umuryango wacu, umurimo cyangwa ibigo.
2. Guteza imbere abantu kandi byubaka umuco mwiza dore ko natwe tuwungukiramo.
3. Iyo dufashe umwanya tukubaka ubuzima bw' abandi birinda ubuzima bwabo, nuko amaherezo natwe bikadufasha.
4. Dushobora guteza imbere ubuzima bw' abantu tubaha amahirwe yo kuzamukira ahantu haboneye; bityo bagakura bagaca akenge maze bagakoresha ubushobozi bafite bityo iyo natwe twabibona tukumva tunezerewe.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Ni inshingano yacu guteza imbere abana bacu, abakozi n' imiryango duhuje indangagaciro. Iyo tubigenje gutya rero tuzamura ahazaza hacu ndetse na habo.
2. Itoze indangagaciro z' ubuzima maze uhitemo

Inzira ni mikorere yo
KUZAMURA ABANTU

izakubera nziza ku ntego zawe. Kandi ujye uhora uzigaho ubutitsa.

3. Gira icyerekezo kirambye gishushanya uburyo wifuza ko umuryango, imirimo ndetse n' umuryango dutuyemo wamera.

4. Suzuma ibyahise maze urebe ko hakenerwa urugero rwakongerwaho ku cyerekezo cyacu.

5. Ubaka kamere mu bantu dore ikomeye kurenza ubushobozi umuntu afite.

6. Shyiraho amabwiriza yumvikana, ariko kandi utange amahirwe ku bantu kugira ngo nabo bapime amahirwe yabo, bitoze kandi banageregeze. Mu gihe batsinzwe, bahumurize bakomeze. Iki gihe batinyuka gutera imbere ntawe ubahagaze hejuru.

7. Shaka ahantu hakugwa neza aho turi hose. Ni by' ingenzi rero kwibaza icyerekezo dushaka gufata kandi mu gihe tubikoze tuhora twiyungura ndetse duhora agaciro ubuzima bwacu aho turi hose.

Ibihugu byinshi byaheze inyuma kubera guhitamo urugero/ inzira mbi. Ibi rero birakomeye kubihindura kandi bishobora gufata igihe kirekire kugira ngo bihinduke. Ni nayo mpamvu ubukene na ruswa biharangwa kuko nta rundi rugero rwiza rwabayeho. Ni umwete wo kurema no guhitamo izindi ndanga gaciro. Bishobora gukorwa; erega biri mu bushobozi bwacu. Nyamara uko dukomeje kubana n' urugero runaka, ni nako bikomera guhinduka. Tugomba kwemera ko mu gihe dushaka kubaka ubushobozi bwacu, tugomba kwitegura guhinduka. Rimwe na rimwe dushaka guhindura abandi aho guhinduka ubwacu. Niba rero tugiye kuzamura abana bacu, abakozi cg umuryango mugari, tugomba gufata iya mbere tukabaha urugero bagenderaho, bakiyunguraho, bakosora ndetse bakomerezaho. Igisubizo cya byose iyo wazamuye abantu ni uko bitanga ituze aho abantu batuye ku muco ushingiye ku ndangagaciro. Duteza imbere cg tukarema ibihe, amakosa

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese waba uha agaciro kamere n' imyumvire kurusha ubushobozi n' impano?
2. Ese ni hantu ki mu muryango cg umurimo wawe haboneka impinduka?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			